# ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

Itangazo rigenewe abanyamakuru:

## Kwamagana umugambi wa Perezida Paul Kagame wo kuguma ku butegetsi indi myaka 20.

Nyuma yo kumva amagambo Perezida Paul Kagame yavugiye kuri televiziyo y'ubufaransa (France 24), tariki ya 8 Nyakanga uyu mwaka, yemeza ko ashobora gukomeza kuyobora u Rwanda mu myaka 20 iri imbere mu gihe abaturage bazaba babimusabye, ikigo kitiriwe Nyakwigengera Seth Sendashonga (Institut Seth Sendashonga pour la citoyenneté démocratique, Iscid asbl) kiributsa abantu bose ko mu mwaka wa 2003 abanyarwanda batoye itegekonshinga ryagombaga kuyobora igihugu mu cyerekezo gishya giciye ukubiri n'amakuba cyari kivuyemo. Muri iryo tegekonshinga bashyizemo ingingo yemezaga ko umukuru w'igihugu atagomba kurenza mandats ebyiri. Icyari kigamijwe kwari ugushaka gushimangira umuco wo gusimburana ku butegetsi mu mahoro binyuze mu nzira ya demokarasi. Mu mwaka wa 2015 ubwo Perezida Paul Kagame yaragiye gusoza mandat ye ya kabiri yafashe icyemezo cyo guhindura itegekonshinga yiha ubushobozi bwo gukomeza kuyobora igihugu izindi mandats eshatu.

Institut Seth Sendashonga yongeye gushimangira ko umugambi wa Perezida Paul Kagame wo gutsimbarara ku butegetsi akazabukurwaho n'urupfu atari ubushake bw'abanyarwanda nk'uko abivuga. Abanyarwanda babaye abahitamo bakubahiriza umuco wo gusimburana ku butegetsi kuko nta muntu udashobora gusimburwa kandi na nyina w'undi abyara umuhungu. Turongera kwibutsa ko mu matora ateganijwe mu mwaka wa 2024 Paul Kagame azaba amaze imyaka 30 ku butegetsi. Niba ashakira u Rwanda amahoro yarakwiye kwemera impinduka abanyarwanda benshi bifuza, iyo mpinduka igakorwa mu mahoro biciye mu matora yubahirije amatwara ya demokarasi.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 15/07/2022

Jean-Claude Kabagema,

Perezida wa ISCID asbl

ISCID asbl
Avenue de l'Exposition 460/17
1090 Jette, Belgique
www.iscide.org